# REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITIRI MURI PRIMATURE USHINZWE ITERAMBERE RY'UMURYANGO N'IRY'UBURINGANIRE**

# RAPORO Y'INAMA YA KABIRI Y'IGIHUGU Y'ABANA

Hôtel Intercontinental Kigali

***Kuwa 19 Mutarama 2006***

**Kinyarwanda**

Gicurasi, 2006

## i. AMASHAKIRO

**Urupapuro**

i. Amashakiro……………………………………………………………………..2-3
ii. Impinamagambo……………………………………………………………3
iii. Ijambo ry'ibanze…………………………………………………………5-6
iv. Iriburiro……………………………………………………………………..6

**1. IMYITEGURO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANA**
a. Ku rwego rw'Igihugu…………………………………………………………6
b. Ku rwego rw'Uturere…………………………………………………………7
**2. UKO INAMA YA KABIRI Y'ABANA YAGENZE**
**2.1. Umuhango wo gufungura inama**
2.1.1. Ijambo ry'uhagarariye abana…………………………………………….7
2.1.2. Ijambo ry'Uhagarariye UNICEF mu Rwanda…………………………7
2.1.3. Ijambo ry'Inshuti y'u Rwanda…………………………………………..8
2.1.4. Ijambo rya MIGEPROF………………………………………………….8
2.1.5. Ijambo ry'Umushyitsi Mukuru, Perezida wa Sena……………………9
**2.2. Ibiganiro byatanzwe**
**2.2.1. Ibiganiro n'ubutumwa bw'abana**
2.2.1.1. Ibintu by'ingenzi byagezweho nyuma y'Inama y'Igihugu y'abana yabaye kuwa 29-30 Mata 2004…………………………………10-11
2.2.1.2. Kurwanya SIDA no kwita ku bo yagizeho ingaruka…………………12
2.2.1.3. Ihohoterwa rikorerwa abana…………………………………………..13
2.2.1.4. FARG n'ibigega by'uburezi by'uturere………………………………14
2.2.1.5.Amacakubiri mu mashuri………………………………………………14
**2.2.2. Ibiganiro n'Ubutumwa bw'abayobozi**
2.2.2.1. Ibintu by'ingenzi byagezweho nyuma y'Inama y'Igihugu y'abana yabaye kuwa 29-30 Mata 2004……………………14
2.2.2.2. Kurwanya SIDA no kwita ku bo yagizeho ingaruka…………….15-16
2.2.2.3. Ihohoterwa rikorerwa abana………………………………………16-17
2.2.2.4. FARG n'ibigega by'uburezi by'uturere…………………………17-18
2.2.2.5.Amacakubiri mu mashuri………………………………………………19
**2.3. Ibibazo n'ibitekerezo by'abana……………………………………….16**
**3. ISOZWA RY'INAMA**
**3.1 Imyanzuro y'inama ya kabiri y'abana**
3.1.1. Ibyo abana basabye Leta y'u Rwanda…………………………………20
3.1.2. Ibyo abayobozi bemereye abana………………………………………22
3.1.3. Ibyo abana biyemeje……………………………………………………22
3.1.4. Ibyo abana basabwe……………………………………………………..22
**3.2. Amagambo asoza inama**
3.2.1. Ijambo ry'umwana uhagarariye abandi…………………………………23
3.2.2. Ijambo ry'uhagarariye UNICEF mu Rwanda…………………………23
3.2.3. Ijambo rya MIGEPROF…………………………………………………23

4. **IMIGEREKA:**
**Umugereka 1**: Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Sena mu muhango wo gutangiza Inama Nkuru ya kabiri y'abana………

**Umugereka 2:** Ijambo ry'ikaze rya Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'umuryango n'iry' Uburinganire…………..
**Umugereka 3:** Ijambo risoza Inama Nkuru ya kabiri y'abana...........
**Umugereka 4:** Discours de la Représentante de l'UNICEF aux cérémonies d'ouverture………………………………………………..
**Umugereka 5:** Discours de la Représentante de l'UNICEF aux cérémonies de cloture……………………………………………………..
**Umugereka 6**: Abana bitabiriye Inama Nkuru ya kabiri y'abana n'aho Baherereye…………………………………………………
**Umugereka 7**: Abantu bakuru bitabiriye Inama Nkuru ya kabiri y'abana ……………………………………………………………

## ii. IMPINAMAGAMBO

AGR: Association des Guides du Rwanda
ASR: Association des Scouts du Rwanda
ARV: Anti Rétro-Viraux
CNDP: Commission Nationale des Droits de la Personne
CNLS: Commission Nationale de Lutte contre le VIH/SIDA
CNUR: Commission Nationale d'Unité et Réconciliation
FARG: Fonds d'Assistance aux Rescapés du Génocide
MIGEPROF: Ministre à la primature chargé de la Promotion de la Famille et du Genre
MIFOTRA: Ministère de la Fonction Publique et du Travail
MINALOC: Ministère de l'Administration Locale, de la Bonne Gouvernance, du Développement Communautaiare et des Affaires Sociales
MINEDUC: Ministère de l'Education
MINISANTE: Ministère de la Santé
ORINFOR: Office Rwandais d'Information
PACFA: Protection and Care of Families against HIV/AIDS
PMTCT: Prevention of Mother to Child Transmission
SIDA: Syndrôme d'Immuno-Déficience Acquise
SWAA: Society for Women against Aids in Africa
TVR: Télévision Rwandaise
UNICEF: United Nations Children's Fund
UNIFEM: Fonds des Nations Unies pour le Développement de la Femme

## iii. IJAMBO RY'IBANZE

Mu mwaka w' 2004, kuva kuwa 29 kugeza kuwa 30 Mata, habaye Inama y'Igihugu y'Abana yateraniye i Kigali, ifite insanganyamatsiko ikurikira: *"Icyizere cy'Umwana mu bumwe n'Ubwiyunge: Kwicuza kw'abantu bakuru"*.

Iyo nama yahuje abana basaga 250 bari baturutse mu turere twose tw'Igihugu.

Umwe mu myanzuro yafashwe muri iyo nama ya mbere y'abana ni uko buri mwaka hazajya haba Inama ku rwego rw'Igihugu, izajya ihuza abana bahagarariye bagenzi babo. Hakurikijwe uwo mwanzuro, Inama ya kabiri y'abana yagombaga kuba mu mwaka w'2005, ariko ntiyashoboye kuba bitewe n'uko yahuriranye na gahunda zindi zari ku rwego rw'igihugu.

Iyo nama yimuriwe ku itariki ya 19 Mutarama 2006 kandi yari ifite insanganyamatsiko ikurikira: **"Twubake u Rwanda rubereye abana".**

Nyuma y'umwaka umwe urenga, hari icyifuzo nk' u Rwanda cyo gukora ibyo rwiyemeje ku birebana n'abana no gukomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro n'ibyo rwiyemeje.

Bityo Inama ya kabiri y'Igihugu y'abana ikaba yari ifite intego zikurikira:

- Gutuma habaho ikurikiranabikorwa rinoze mu byerekeye imyanzuro yavuye mu nama y'abana yo muri Mata 2004 n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;
- Gushimangira ubufatanye bwashyizweho mu nama yo muri Mata 2004 no gushishikariza abana gutanga ibitekerezo byabo nta gahato hashyirwaho uburyo bwo kubigeza ku nzego zifata ibyemezo;
- Gushyiraho uburyo bwo guhuza ingamba n'ibimenyetso no kubihuriza hamwe mu ruhando rw'ubukangurambaga rusange ku babana na SIDA, no gutuma habaho uruhare rufatika rw'abana mu kugera kuri izo nshingano;
- Gutangiza Urunana rugamije uburezi bw'Umwana w'umukobwa.

Umusaruro wari utegerejwe nyuma y'iyo nama :

- Ibitekerezo ku Rwanda abana bifuza. Ibi bitekerezo bikazashingirwaho muri gahunda za Leta zirebana n'icyerekezo, Politiki n'Ingamba z'igihe giciriritse;
- Inshingano ku baturage n'abayobozi mu kubaka umuryango w'amahoro n'ubwiyunge no guharanira igihugu gikwiriye abana;
- Ubuvuzi ku bana banduye agakoko ka SIDA  harimo no kurwanya indwara z'ibyuririzi;

- Kurinda abana icyorezo cya SIDA no kubaha Serivisi z'Ibanze, harimo uburezi, kuvurwa, imirire n'ubufasha ku babyeyi, abana n'ingimbi zirwaye SIDA;
- Kuzamura imyumvire y'ababyeyi ku burezi bw'abana b'abakobwa.

Mu gutegura iyi nama ya kabiri y'abana, hashyizweho, ku rwego rw'Igihugu, Komite Tekiniki yari ishinzwe gukurikirana umunsi ku wundi itegurwa n'imigendekere myiza y'iyo Nama. Iyo Komite yari igizwe n'abahagarariye UNICEF, Inzego za Leta n'Inzego za Sosiyeti Sivile. Inzego za Leta zari zihagarariwe muri iyo nama ni MIGEPROF, MINEDUC, MIFOTRA, CNDP, Polisi y'Igihugu na CNUR. Ku rwego rwa Sosiyeti Sivile hari Ishyirahamwe ry'Abagide mu Rwanda (AGR), Ishyirahamwe ry'Abasikuti mu Rwanda (ASR), Uyisenga N'Manzi na Editions Bakame.

## iv. IRIBURIRO

Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire afite ishingano zitandukanye. Zimwe muri zo akaba ari uguteza imbere no kubungabunga uburenganzira bw'umwana. Ni muri urwo rwego afatanya n'inzego zinyuranye za Leta, imiryango nyarwanda n'imiryango mpuzamahanga, mu kubungabunga uburengazira bw'umwana no kubuteza imbere mu Rwanda.

Amahame akurikira ashingirwaho mu kubungabunga uburenganzira bw'umwana:

- Kwirinda ivangura iryo ari ryo ryose;
- Gushingira ibikorwa ku nyungu z'umwana;
- Uburenganzira umwana afite bwo kubaho no gukura neza;
- Uruhare umwana agomba kugira mu bikorwa bimwerekeye.

Ni muri urwo rwego rwo gushimangira umusanzu w'abana mu kubaka igihugu muri rusange no kurengera abana by'umwihariko, inama ya kabiri y'abana yari iteganyijwe mu mwaka w'2005 yabaye kuwa 19 Mutarama 2006.

Icyari kigamijwe ni ugutuma habaho ikurikiranabikorwa ku byerekeye imyanzuro yavuye mu nama ya mbere y'abana n'ishyirwa mu bikorwa ryayo. Ikindi cyari kigamijwe ni ugushishikariza abana gutanga ibitekerezo byabo no kuborohereza kubigeza ku nzego zifata ibyemezo.

## I. IMYITEGURO Y'INAMA YA KABIRI Y'ABANA

Icyari kigamijwe muri iki gikorwa ni ugushyira mu bikorwa umwanzuro wavuye mu nama ya mbere y'abana wo gukoresha buri mwaka inama ku rwego rw'igihugu izajya ihuza abana bahagarariye bagenzi babo.
Hari hagamijwe kandi gusuzuma aho ibyasabwe mu nama ya mbere y'abana bigeze bishyirwa mu bikorwa.
Akaba ari yo mpamvu inama ya kabiri y'abana yahuje abana bitabiriye inama ya mbere y'abana yabaye ku matariki ya 29 na 30 Mata 2004.

### 1.1. Ku rwego rw'Igihugu

Hashyizweho Komite Tekiniki ishinzwe gutegura inama ya kabiri y'abana. Iyo komite Tekiniki yari igizwe n'abakozi bahagarariye inzego zikurikira:
MIGEPROF, MINEDUC, UNICEF, MIFOTRA, Polisi y'Igihugu, CNDP, CNUR, Editions Bakame, Uyisenga N'Manzi, AGR na ASR.
Abagize iyo komite bahuye kenshi bigira hamwe ibijyanye n'itegurwa ry'iyo nama: gutumira abazitabira inama n'abazatanga ibiganiro, gutegura ingengo y'imali, gushakisha abana , kubageza aho inama izabera no kubacyura, itangazamakuru no gutegura raporo.

Iminsi 2 mbere y'uko inama iba, abana bahagarariye abandi bigiye hamwe gahunda y'inama, uburyo bazayobora inama, uko bazakira bakicaza abazitabira inama.

### 1.2. Ku rwego rw'uturere

Bifashishije urutonde rw'abana bitabiriye inama ya mbere y'abana, Abagide n'Abasikuti bashakishije abo bana bababafasha kugera aho inama izabera no kubacyura.

## II. UKO INAMA YA KABIRI Y'ABANA YAGENZE

### 2.1. Umuhango wo gufungura inama

Inama yafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida w'Umutwe wa Sena mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena, Vincent BIRUTA. Abandi bafashe ijambo mu muhango wo gutangiza iyi nama ni Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire, Inshuti y'u Rwanda yaturutse mu Gihugu cy'Ubudage, Uhagarariye UNICEF mu Rwanda n'Umwana uhagarariye abandi.

#### 2.1.2.Ijambo ry'Uhagarariye Abana

Uhagarariye abana yatangiye ashimira abitabiriye inama, anabaha ikaze. Yibukije kandi ibirebana n'Inama ya mbere y'Abana yabaye ku matariki ya 29

na 30 Mata 2004, i Kigali muri Hotel Intercontinental. Yagarutse ku ngingo zikurikira:

- Insanganyamatsiko z'inama y'ubushize zari zikubiye mu butumwa butatu: *ubuzima bw'abana – mu gihe na nyuma ya jenoside, ibitekerezo by'abana ku mahoro, ubumwe n'ubwiyunge n'u Rwanda abana bifuza mu gihe kizaza;*
- Bimwe bigaragara ku myanzuro yavuye mu nama y'ubushize;
- Igikorwa cyo gushimira Leta kubera ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzo byavuye mu nama ya mbere y'abana. Yanasabye uruhare rwa buri wese witabiriye Inama ya Kabiri y'Abana kuzashyira mu bikorwa imyanzuro y'iyi nama.

Yashimiye abantu bose bagize uruhare muri itegurwa ry'Inama ya Kabiri y'Abana.

### 2.1.2.Ijambo ry'Uhagarariye UNICEF

Uhagarariye UNICEF mu Rwanda, Madamu BINTOU KEITA, yagarutse ku migendekere myiza n'umusaruro ushimishije byavuye mu Nama ya mbere y'Abana kandi yagaragaje akamaro k'inama nk'izi cyane cyane mu gutegurira abana kuzaba ababyeyi n'abayobozi beza h'ejo hazaza.

Yagarutse ku muco mwiza wa Guverinoma wo gutegura abaturage mu kwishyiriraho ubuyobozi bagizemo uruhare.

*Ku birebana n'ingingo zituma haboneka umusaruro*; yagaragaje ko icy'ingenzi ari (1) Ukugira gahunda imeze neza n'uburyo bwo gukorera no gukorana n'abana, (2) no kuzirikana mu igenamigambi rinyuranye ibyifuzo n'ibitekerezo abana batanze mu nama ya mbere yabo.

*Ku byagezweho nyuma y'Inama ya mbere*; Uhagarararize UNICEF yatanze ingero ku by'ingenzi byakozwe mu bikorwa (1) bigamije kurengera abana, (2) kwita ku buzima bwabo, (3) gukumira icyorezo cya SIDA – mu bana no mu babyeyi, n'ibindi.

*Ku bitegerejwe ku Nama ya Kabiri y'Abana*; hifujwe nanone imyanzuro y'Inama yagenderwaho mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganyirizwa abana b'u Rwanda.

*Ku birebana n'ubufatanye hagati ya UNICEF, Guverinoma y'u Rwanda n'izindi nzego bafatanya*; Uhagarariye UNICEF mu Rwanda yatanze icyizere cyo gukomeza no guteza imbere uburyo bwo gukorera hamwe – aho buri wese azana icyifuzo cyangwa indi nkunga yose yabona – hagamijwe kubaka u Rwanda rubereye abana kandi runogeye n'abantu bakuze.

### 2.1.3.Ijambo ry'Inshuti y'u Rwanda

Umushyitsi wari waraturutse mu gihugu cy'Ubudage, Bwana Peter KRAMER, aje gusura u Rwanda yashoboye no kwitabira imirimo y'Inama ya Kabiri

y'Abana. Mu ijambo rye yagaragaje impuhwe afitiye abanyarwanda n'abana by'umwihariko kubera amateka u Rwanda rwanyuzemo; ashima ibimaze kugerwaho ku rwego rw'Igihugu cyose, cyane ko yari yashoboye no gutembera mu bice binyuranye.

Icyo yagarutseho cyane ni uko abona ibikorerwa abana byose ari ingenzi kuko ababonamo ejo hazaza h'umuryango nyarwanda. Yaragarutse ku byo yashoboye kubona aho yatembereye cyane cyane agaruka ku (1) kibazo cy'abana b'imfubyi, (2) n'icyitegererezo yakuye ku mashuri amwe n'amwe yo mu Rwanda. Aha yerekanye ko nko ku ishuri ribanza rya Kageyo – yashoboye kubona ko umubare munini w'abiga kuri icyo kigo ari imfubyi.

Amaze kuvuga biriya bitekerezo bibiri; yagiriye inama ubuyobozi n'abana agira ati " *buri terambere ryose rifata igihe – buri wese arasabwa kutarambirwa*". Yakanguriye buri wese kugira icyerekezo yifuza n'ubwo cyaba kidashoboka ako kanya. Yitanzeho urugero avuga ko yakunze gutekereza kuzubaka amashuri muri Afurika bityo agahora ashakisha uko izo nzozi zahinduka ukuri. Ubu yanyuze mu Ishyirahamwe ryashinzwe na Mandela no ku bufatanye na UNICEF kugira ngo afashe mu gikorwa cyo kubona amafaranga 50.000.000$ azakenerwa mu kubaka amashuri muri Afurika. Bwana Peter Kramer ati "*Turi abavandimwe mu isi imwe*".

### 2.1.4. Ijambo rya Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire

Mu ijambo rye, Minisitiri muri Primature Ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire, Madamu NYIRAHABINEZA Valérie, yagarutse ku gitekerezo cy'izi nama z'abana. Inama ya mbere y'aban yifuje ko izi nama zaba "*ngarukamwaka*". Yagaragaje insanganyamatsiko n'ibyo duteze ku Nama ya Kabiri y'Abana.

Minisitiri muri Primature Ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'Uburinganire yasobanuye ko n'ubwo inama yari yifujwe no mu mwaka w'2005; habaye ibindi bikorwa byari biteganyijwe ku rwego rw'Igihugu. Agaragaza ko iyi Nama ya Kabiri ibaye ari amahire kuko twishimira uko "Imyanzuro y'Inama ya mbere yagiye yinjizwa muri gahunda zinyuranye zisanzwe mu guteza imbere no kurengera abana.

Minisitiri ufite Iterambere ry'Umuryango n'Uburinganire no kurengera umwana mu nshingano ze, yavuze mu magambo make ingingo ziri buganirweho mu nama. Kandi byose bigenda bishyigikira insanganyamatsiko y'iyi nama igira iti " *Twubake u Rwanda rubereye abana*". Bimwe mu byifuzo by'abana bahagarariye abandi ni uko " *babona urubuga n'umuyoboro bibafasha kugira ubwisanzure no guhora bagira uruhare mu bikorwa bigamije kubateza imbere no kubarengera*".

### 2.1.5. Ijambo ry'Umushyitsi Mukuru (Perezida wa Sena)

Perezida w' Umutwe wa Sena mu Nteko Ishinga Amategeko, wari uhagarariye Perezida wa Repubulika yatangiye ijambo rye ageza ku bitabiriye Inama

indamutso ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Yibukije abitabiriye Inama ya kabiri y'abana ko guha abana ijambo biri mu rwego rwa Gahunda ya Leta yo gufatanya n'abantu bose kubaka igihugu. Biri kandi mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bw'abana.

Yibukije ko Umwana ari umutware, kandi ko utazi umukungu yima umwana. Abana ni bo ejo hazaza, akaba ari yo mpamvu bagomba kurindwa ibibi byose.

Iyi nama yateguwe mu rwego rwo gusuzuma niba ibyo twiyemeje mu nama ya mbere y'abana yo kuwa 29-30 Mata 2004 byaragezweho, niba byarashyizwe muri gahunda ku nzego zinyuranye.

Abayobozi bakaba bafite inshingano ikomeye yo kubungabunga uburenganzira bw'umwana. Akaba ari yo mpamvu yasabye inzego ibi bikurikira:

- Kubungabunga uburenganzira bw'umwana bijye muri gahunda, Vision na Politiki za Leta y'u Rwanda;
- Kuzakora ibishoboka byose kugira ngo imyanzuro izava muri iyi nama yubahirizwe;
- Imiryango itagengwa na Leta n'amashyirahamwe bisabwa gushyigikira gahunda z'abana no kubyinjiza muri gahunda zabo.

Yarangije ijambo rye ashimira abagize uruhare mu gutegura iyi nama, ni ukuvuga MIGEPROF, UNICEF n'abandi.

## 2.2.IBIGANIRO BYATANZWE

Ibiganiro byatanzwe mu nama ya kabiri y'abana byibanze ku ngingo zikurikira:

1. Ibintu by'ingenzi byagezweho nyuma y'Inama y'Igihugu y'Abana yabaye kuwa 29-30 mata 2004;
2. Kurwanya SIDA no kwita ku bo yagizeho ingaruka;
3. Ihohoterwa rikorerwa abana;
4. Ibigega by'uburezi by'uturere na FARG
5. Amacakubiri avugwa mu bigo bimwe by'amashuri

Buri kiganiro cyabanzaga gutangwa n'Umwana uhagarariye abandi, nyuma ye, hagakurikiraho Umuyobozi, hakurikijwe inshingano ze; ni ukuvuga ko, kuri buri ngingo, ikiganiro cy'Umwana cyahitaga gikurikirwa n'ikiganiro cy'umuyobozi.

### 2.2.1. Ibiganiro n'ubutumwa bw'abana

Ubutumwa bw'abana kuri izi ngingo 5 zavuzwe haruguru bukubiye mu biganiro abana batanze, imivugo n'indirimbo. zerekeye .

### 2.2.1.1. Ibintu by'ingenzi byagezweho nyuma y'Inama y'Igihugu y'Abana yabaye kuwa 29-30 mata 2004.

Umwana watanze iki kiganiro yatangiye ashimira Leta y'u Rwanda kubera ko yita ku bana, akomeza ikiganiro cye agaruka ku myanzuro y'ingenzi yavuye mu Nama y'Igihugu y'Abana yabaye kuwa 29-30 Mata 2004.

Muri iki kiganiro, hasuzumwe ibyagezweho ariko hatangwa n'ubutumwa bugamije gutuma uburenganzira bw'Umwana burushaho kubahirizwa.

#### *a. Inama y'Igihugu y'Abana ni Ngarukamwaka:*

Kuri iyi ngingo, abana bibajije impamvu Inama ya kabiri y'Igihugu y'Abana itabaye mu mwaka w'2005 nk'uko byari biteganyijwe. Ariko ibisubizo abana bahawe ku mpamvu iyo nama itabaye mu mwaka w'2005 nk'uko byari biteganyijwe byarabanyuze.

#### *b. Ishyirwaho ry'Umuyoboro utangirwamo ibitekerezo:*

Abana bifuje kugira umuyoboro batangiramo ibitekerezo. Uwo muyoboro wahera mu Kagali ukagera ku rwego rw'Igihugu. Abana bifuje ko bagira umuntu mukuru ubayobora (facilitateur), wajya ugezwaho ibibazo byabo.

#### *c. Kwita ku bana barera abandi:*

N'ubwo amabwiriza yatanzwe na MIGEPROF yo kubarura abana b'imfubyi birera, Inzego z'Ibanze ntizirabikora kugira ngo hamenyekane umubare wabo. Abana basanga umuyoboro wabo uramutse ushyizweho wabikora.

#### *d. Kwiga mu gihe cy'impeshyi:*

Abana basabye ko MINEDUC yahindura ingengabihe yo kwiga mu gihe cy'impeshyi kuko haba hariho izuba ryinshi nyuma ya saa sita. Bifuje ko muri icyo gihe n'abana biga mu mashuri abanza ya Leta bajya biga "Gong Unique", bakiga mbere ya saa sita gusa.

#### *e. Ibijyanye n'abana barihirwa n'Ibigega by'Uburezi:*

Abana basanze bitarakozwe uko bikwiye kubera impamvu zikurikira:

- Abayobozi b'Ibigo by'amashuri bagiye birukana abana barihirwa n'ibigega by'uburezi kubera gutinda kwishyura;
- Amafaranga yishyurwa n'ikigega cy'Uburezi cy'akarere ni make ugereranyije n'amafaranga asabwa n'ibigo by'amashuri;
- Habayeho amarangamutima mu gutoranya abana barihirwa n'ibigega by'uburezi;

- Amafaranga y'ishuri asabwa n'ibigo by'amashuri bya Leta aratandukanye. Kuki amashuri amwe ayongera ariko imibereho y'abana ntirusheho kuba myiza?

Abana basabye ibi bikurikira:

- MINEDUC izakore ku buryo amafaranga y'ishuri aba amwe mu mashuri ya Leta yose;
- Leta y'u Rwanda yasabwe kongera amafaranga ishyira mu bigega by'Uburezi;
- Leta y'u Rwanda ikwiye kongera Ubugenzuzi bw'imicungire y'umutungo woherezwa mu bigega by'uburezi

***f. Ihohoterwa rikorerwa abana:***

Abana banenze ko umubare w'abana bahohoterwa utazwi neza, ntihagaragazwa niba ugabanuka cyangwa se niba wiyongera.
Abana basanga abahohotera abana badahanwa by'intangarugero; hari n'abahishirwa.

Umuyoboro wabo wavuzwe haruguru basanga nushyirwaho uzajya ugira uruhare runini mu kugeza ibibazo by'ihohoterwa mu nzego zibishinzwe.
Abana basabye kandi ko abahohotera abana bahanwa by'intangarugero.

***g. Kwihutisha ishyirwaho ry'Inkiko Gacaca:***

Abana basanga ibi byaragezweho bihagije.

***h. Gukumira Jenoside n'Ingengabitekerezo yayo:***

Abana basanga Leta y'u Rwanda yarashyize imbaraga zihagije mu kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Abana basanga igisigaye ari uko abantu bahindura imitima yabo.

***i. Kwimurira imanza zibera Arusha mu Rwanda.***

Abana basanga bigenda neza.

**2.2.1.2. : Kurwanya SIDA no kwita ku bo yagizeho ingaruka.**

Umwana watanze ikiganiro n'Umwana wavuze umuvugo "Rwanda ndota" bishimiye ko ibibazo byinshi byatangiye gukemurwa. Abana banduye SIDA baravurwa kwa muganga kandi bahabwa za ARV, abana bahuye n'ibibazo bya SIDA barihirwa amafaranga y'ishuri, abana basigaye na bo bapimwa SIDA. Hariho imishinga na gahunda zo gufasha abana. Urugero rwatanzwe ni SWAA Rwanda na PACFA.

Ariko n'ubwo ibyo byagezweho hari ibindi abana basanga bikwiye gushyirwaho imbaraga, haba ku rwego rwa Leta, ku rwego rw'abana, ku rwego rw'ababyeyi no ku rwego rw'abaterankunga.

**Leta yasabwe**:

- Gushyiraho ikigega cyihariye gifasha abana banduye SIDA;
- Gushyiraho Club anti Sida z'abana;
- Gupima SIDA ababyeyi bose batwite;
- Guteganya no gukwirakwiza ibitabo bivuga kuri SIDA ariko biri mu kigero cy'abana;
- Kurushaho kwita ku myigire y'abana banduye SIDA;
- Gushishikariza abarimu kurushaho kwigisha kurwanya SIDA;
- Guteganya kuri Radiyo na Televiziyo y'u Rwanda ibiganiro kuri SIDA ariko biri mu kigero cy'abana.

**Abana basabwe:**

Abana na bo bafite inshingano zikurikira:

- Kwirinda ababashuka;
- Kutararikira ibintu;
- Kutajya muri "Night Club" n'ahandi hakorerwa ubusambanyi;
- Kudahishira abashora abana mu busambanyi;
- Kudakwirakwiza SIDA igihe wanduye.

**Ababyeyi basabwe:**

- Kwigisha abana kwirinda SIDA;
- Gupimisha abana SIDA

**Abaterankunga basabwe:**

- Gutera inkunga za ONG zitera inkunga abana banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo kubera ababo bayirwaye;
- Gutera inkunga ibikorwa bifasha abana banduye SIDA n'abafite ababo bayirwaye.

Mu gusoza iki kiganiro, umwana wagitanze yaragize agira ati: "Abantu bazi uko SIDA yandura, kuki bakomeza kwiyanduza? Ikibazo si SIDA, ikibazo ni twe. Tureke gukomeza kuba ikibazo ahubwo tube igisubizo."

**2.2.1.3. Ihohoterwa rikorerwa abana:**

Umwana watanze iki kiganiro n'umwana wavuze umuvugo *"Komera Rwanda ntukabe Ikotaniro"* bamaganye ihohoterwa rikorerwa abana kandi batanga ibyifuzo kugira ngo ihohoterwa ricike burundu mu Rwanda.

Umwana watanze ikiganiro yatangiye avuga ko Umwana ahohoterwa iyo yavukijwe uburenganzira bwe.

Ihohoterwa rikorwa n'abarezi, abaturanyi n'abantu bo mu muryango.

Hari ingeri nyinshi z'ihohoterwa:

- Gushyingira abana imburagihe;
- Kubavana mu ishuri;
- Gusambanya abana bato;
- Kubakoresha imirimo ivunanye;
- Gutoteza abana bituma bishora mu buraya, bahinduka inzererezi;
- Ababyeyi batemera abana babyaye.

Ihohoterwa riterwa n'ubujiji, ubukene, irari n'ibiyobyabwenge.

**Ingaruka z'ihohoterwa:**

- Kwanduzwa SIDA;
- Guhahamuka;
- Kononekara imyanya ndangagitsina;
- Gutwara inda z'indaro;
- Amakimbirane mu miryango.

**Uburyo bwo gukumira ihohoterwa:**

Umwana watanze ikiganiro yagaragaje ibyo abana, ababyeyi n'abayobozi basabwa mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rikorerwa abana.

**Abana:**
Kuvuga ibyo wakorewe/ibyo mugenzi we yakorewe hakiri kare.

**Ababyeyi:**

- Kuganira n'abana;
- Kudahishira abahohotera abana;
- Kwirinda gukemurira ibibazo by'ihohoterwa mu muryango.

**Abayobozi:**

- Gukangurira abantu uburenganzira bw'Umwana n'uburenganzira bw'Ikiremwa Muntu;
- Gushyira mu bikorwa itegeko ku ihohoterwa rikorerwa abana.

**2.2.1.4. FARG n'Ibigega by'Uburezi by'Uturere**

**FARG:**

Umwana watanze iki kiganiro yagaragaje ko hari byinshi FARG yagezeho; ariko amafaranga n'ibikoresho by'ishuri bitinda kuboneka, hari abarihirwa bishoboye, hari n'abana bakurwa ku rutonde rw'abana bafashwa na FARG kandi baracitse ku icumu rya Jenoside.

**Ibigega by'Uburezi by'akarere:**

***Abana bagaye  ibi bikurikira:***

- Hakoreshwa ikimenyane mu kujonjora abana;
- Ibigega by'uburezi bitanga amafaranga make ugereranyije n'asabwa (hagati ya 5.000 na 7.000 Frw) bigatuma umwana asiragira, akicara mu rugo, agatsindwa;
- Abana b'imfubyi bataha muri Orphelinat ntibarihirwa n'ikigega cy'uburezi cy'akarere;
- Kuba abakozi badatanga umusanzu mu kigega cy'uburezi.

**2.2.1.5. Amacakubiri mu mashuri**

Umwana watanze iki kiganiro yavuze ko ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje ko hari amacakubiri mu mashuri.

***Igitera ayo macakubiri:***

- Ibigega bifasha abana bitanga amafaranga atandukanye;
- Ababyeyi barakigisha abana irondakoko;
- Hari Abayobozi b'amashuri batoza abana amacakubiri. Bamwe barangwa n'itonesha cyane cyane muri reclassement ihabwa abana b'abakire.

Uburyo bwo kubikemura:

- Guhindura imyumvire mibi kuri ibyo bigega;
- Kongerera ubushobozi ikigega cy'Uburezi cy'akarere kugira ngo kijye gitanga amafaranga yose asabwa;
- Gutegurira abantu bakuze uburere mboneragihugu;
- Gukora igenzura ritunguranye mu mashuri.

**2.2.2. Ibiganiro n'Ubutumwa bw'abayobozi**

Nyuma ya buri kiganiro cy'umwana ku ngingo runaka hagiye hakurikiraho ikiganiro cy'Umuyobozi kugira agaragaze uko Ubuyobozi bwo bubona ikibazo umwana amaze kuvugaho.

**2.2.2.1. Ibintu by'ingenzi byagezweho nyuma y'Inama y'Igihugu y'Abana yabaye kuwa 29-30 mata 2004.**

Iki kiganiro cyatanzwe na Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire, Madamu NYIRAHABINEZA Valérie.

Mu kiganiro cye, yibukije insanganyamatsiko y'Inama ya mbere y'Igihugu y'Abana, ari yo *"Icyizere cy'Umwana mu bumwe n'Ubwiyunge: Kwicuza kw'abantu bakuru"*.

Yakomeje ikiganiro cye agaragaza ibyagezweho nyuma y'Inama ya mbere y'Igihugu y'Abana.

Ku bijyanye no kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana, Guverinoma y'u Rwanda yahagurukiye kurirwanya. Kuwa 18-19 Kanama 2005, i Rwamagana habereye inama yahuje abana baturutse mu turere twose tw'Igihugu. Abo bana bagaragaje uburyo abana bahohoterwa, banatanga ibitekerezo ku buryo bwo kurirwanya.

Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire yavuze ko ibyo bitekerezo bizashingirwaho mu gutegura Politiki y'Igihugu yo gukumira ihohoterwa rikorerwa abana.

Mu rwego kandi rwo gukumira no gutabara abahohotewe, hari ubufatanye hagati ya Minisiteri na Polisi y'Igihugu. Bityo uwahohotewe ashobora gutabaza ahamagara kuri telefoni N° 3512 na 08304796.

Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire yamenyesheje abitabiriye inama ko hari Gahunda itegurwa y'Imyaka 5 yo gukumira ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore Minisiteri ifatanyije Na UNIFEM.

Ku birebana n' icyorezo cya SIDA, ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya SIDA (CNLS), hateguwe gahunda yo kuvura no kwita ku bana banduye SIDA no gufasha abana bahuye n'ikibazo cya SIDA.

Ku bijyanye n'imyigire y'abana, FARG ifasha abana bacitse ku icumu batishoboye mu myigire yabo na ho ibigega by'Uburezi by'Uturere bifasha abana b'imfubyi n'abandi batishoboye.

Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire yarangije iki kiganiro asaba abitabiriye Inama gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kuba yarasabye ko hajyaho Komisiyo yihariye y'Abana.

**2.2.2.2. Kurwanya SIDA no kwita ku bo yagizeho ingaruka.**

Iki kiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri MINISANTE ushinzwe kurwanya SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo, Dr NYARUHIRIRA Innocent.

Muri iki kiganiro, yagaragaje ko ikibazo cya SIDA kitava ku bana ahubwo kiva ku bantu bakuru. SIDA iyo yinjiye mu muryango, biba uruhererekane, ababyeyi bararwara, abana baba imfubyi, ubukene bwinjira mu muryango, iyo buhasanzwe buriyongera. Abana ni bo bahababarira. Iyo harimo abana banduye birushaho kuba bibi. Abana ntibahabwa uburere buhagije ndetse no ku mashuri bahabwa akato. Abana na bo bashobora kugira irari ry'ibintu bakiroha mu busambanyi.

Kugira ngo uru rusobe rucike, abana n'abantu bakuru basabwa:

- Gukurikiza inama bagirwa kuko SIDA atari igihano cy'Imana ahubwo barayirinda;

- Kudaha akato abanduye SIDA.

***Ibyakozwe mu rwego rwo kurwanya SIDA mu bana:***

- Kurengera Umwana kuva agisamwa. Ni muri urwo rwego habaho gahunda za PMTCT. Umubyeyi akaba asabwa kwisuzumisha kuva agisama;
- Gufasha abana bugarijwe n'ibibazo muri rusange kuko bafite uburenganzira bwo kurengerwa;
- Gukurikirana ababyeyi banduye;
- Guha abana banduye imiti igabanya ubukana bwa SIDA.

***Izindi ngamba zafashwe:***

- Kuvura, gukurikirana abana bahungabanye,
- Kurengera abana badafite mutuelles de santé;
- Gufasha abana kwiga.

***Ingamba ziteganyijwe:***

- Gufasha abana bagera kuri 50.000 banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo kubera SIDA kugira ngo bashobore kwiga amashuri abanza;
- Gufasha abana bagera kuri 40.000 banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo kubera SIDA kugira ngo bashobore kwiga amashuri yisumbuye;
- Gufasha abana banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo kubera SIDA kugira ngo bashobore kwiga imyuga;
- Kwishyurira "mutuelles de santé" abana banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo kubera SIDA

### 2.2.2.3. Ihohoterwa rikorerwa abana

Iki kiganiro cyatanzwe n'Umushinjacyaha ufite ububasha mu Gihugu cyose, Madamu KAYIRANGWA Claire.
Yatangiye ikiganiro cye avuga ko gukumira ihohoterwa rikorerwa abana byakorwa mu buryo bukurikira:

1. Kwigisha abantu uburenganzira bw'umwana;
2. Kwigisha abana uburenganzira bwabo.

**Ibyakozwe mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rikorerwa abana:**

Polisi y'Igihugu yahagurukiye kurwanya ishorwa ry'abana mu busambanyi. Ni muri urwo rwego yahagaritse ijyanwa ry'abana muri za "Night Club", yafunze za "Lodges" zikorerwamo ubusambanyi.

Hashyizweho itegeko rihana ibyaha by'iterasoni n'irihana abahohotera abana.

Yakomeje ikiganiro cye atanga imbonerahamwe igaragaza amadosiye yerekeye ihohoterwa rikorerwa abana yashyikirijwe Ubushinjacyaha mu Ntara zinyuranye. Umubare w'ayo madosiye utandukanye n'umubare w'abana bahohotewe bitewe n'uko hari abantu bagihishira ihohoterwa rikorerwa abana n'abakemurira ibibazo by'ihohorerwa rikorerwa abana mu miryango. Hari igihe dosiye zitinda mu bushinjacyaha bitewe no kubura ibimenyetso cyane cyane ku bibazo byagejejwe mu bushinjacyaha bitinze.

Muri icyo kiganiro, Umushinjacyaha ufite ububasha mu Gihugu cyose yagaragaje umubare w'amadosiye y'ihohoterwa yaburanishijwe n'ibihano byatanzwe.

**Ingamba zafashwe mu kurwanya ihohoterwa:**

- Hashyizweho Serivisi ishinzwe kwita ku wahohotewe n'umutangabuhamya;
- Kuri buri rwego rw'ubucamanza hari umukozi ushinzwe ihohohoterwa rikorerwa abana;
- Uburyo bwo kunganira abana bahohotewe babashakira ba "Avocats";
- Guhugura abacamanza mu kwakira abana, kubaza umwana wahohotewe no kubaza uwahohoteye.

**Ingorane Ubushinjacya buhura na zo:**

1. Gutinda kumenyesha Ubushinjacyaha ibibazo by'ihohoterwa bigatuma ibimenyetso bibura cyane cyane ibya muganga;
2. Ingorane zo kwemeza uwafashe umwana. Ibipimo byoherezwa mu Budage. Byaba byiza hari Labo ibikora mu gihugu;
3. Nta hantu hahari ho kubariza abana;
4. Abana bahohoterwa n'abantu bakuru muri za Gereza. Bityo abana bakwiye gushyirwa mu bigo bibagorora.

Yasabye abana kugira uruhare rukomeye mu kugeza ibibazo by'ihohoterwa rikorerwa abana mu nzego zibishinzwe.

### 2.2.2.4. FARG n'Ibigega by'Uburezi by'Uturere

Iki kiganiro cyatanzwe na Bwana NDAHIRWA Benjamin, Umuyobozi muri MINALOC ushinzwe kurengera abatishoboye. Yunganiwe n'Umunyamabanga Mukuru muri MINEDUC n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FARG.

**Ibigega by'uburezi:**

Yatangiye ikiganiro yibutsa abitabiriye inama ko ibigega by'uburezi by'uturere byashyizweho n'amabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yo kuwa 29 Mutarama 2003 ashingiye ku itegeko N°21/2001 ryo

kuwa 28/04/2001. Ibyo bigega byashyizweho hagamijwe guhindura uburyo MINALOC yakoreshaga mu kurihira abana.

Akamaro k'ibigega by'uburezi ni ugutuma abana batsindaga ntibajye kwiga kubera ubukene bashobora kwiga, gutuma abaturage barushaho kugira uruhare mu burere bw'abana babo no guca nyirandakuzi n'ikimenyane.

Kugira ngo ibi bigega by'uburezi bigere ku nshingano zabyo ni ngombwa:

- Gushishikariza abaturage kugira uruhare mu gutanga inkunga y'ikigega cy'uburezi;
- Kurushaho kwegereza ikigega cy'uburezi abaturage kikajya ku rwego rw'umurenge;
- Kunoza uburyo bwo gutoranya abana bakeneye gufashwa;
- Kongera umutungo w'ibigega by'uburezi.

Umutungo w'ibigega by'uburezi uturuka ahanini ku ngengo y'imari ya Leta, ingengo y'imari y'akarere n'imisanzu y'abaturage.

**FARG**

FARG ni ikigega cya Leta gifasha abacitse ku icumu batishoboye mu bijyanye n'ubwubatsi, ubuvuzi n'uburezi by'umwihariko.

Umutungo wa FARG uturuka ku ngengo y'imari isanzwe ya Leta (5% y'iyo ngengo y'imali) n'imisanzu y'abakozi.

Umunyamabanga Mukuru muri MINEDUC yunzemo avuga ko ibigega by'uburezi byashyiriweho gufasha abana batishoboye. Yasabye abana kurwanya uburiganya n'amarangamutima aboneka mu itoranya ry'abana barihirwa n'ibigega by'uburezi.

Umunyamabanga Mukuru muri MINEDUC yamenyesheje abitabiriye inama ko barimo gutegura itegeko rituma abana badata ishuri. Kurinda abana guta ishuri byaratangiye mu mashuri abanza kuko kuko abana bigira ubuntu, amafaranga y'ishuri agatangwa na Leta.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FARG yamenyesheje abitabiriye inama ko 60% by'amafaranga ya FARG akoreshwa mu burezi, 10% akoreshwa mu buvuzi, hagati ya 3- 5% agenerwa abana birera. Muri rusange 70% by'ingengo y'imali ya FARG igenerwa abana.

Yavuze ko ikibazo cy'ibikoresho by'ishuri byatindaga kuboneka kitazongera cyaterwaga n'uko uwatsindiye isoko yagaragaje ubushobozi buke bwo kubonera ku gihe ibikoresho byose. Ibyo byarakosowe kuko isoko ryatanzwe mu byiciro 4 bitandukanye.

Ku byerekeye amafaranga y'urugendo, hafunguwe konti kuri buri karere kugira ngo abana bayakeneye bayahabwe.

Yamenyesheje abitabiriye inama ko abana 8.300 barihirwaga na FARG batabikwiye bavanwe ku rutonde rw'abarihirwa. Yavuze ko bibabaje kuba hari abana barihirwa na FARG kandi ababyeyi babo bafite uburyo bwo kubarihira. Na byo ni ibyo gukosora.

Yarangije ijambo rye agaragaza ingorane abana b'imfubyi birera bafite zo kuba batagira abantu bakuru babitaho. Ikibazo kindi gikomeye akaba ari uko bamwe muri abo bana batagira aho baba. Mu biruhuko bashyirwa hamwe mu bigo nka APACE, i Butare na AVEGA Rwamagana.

#### 2.2.2.5. Amacakubiri mu mashuri

Iki kiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye , Bwana MUREKERAHO Joseph. Yunganiwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Madamu Fatuma NDANGIZA.

Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye yatangiye ikiganiro cye agaragaza ko abana bakwiye umuyoboro basabye bitewe n'ubwenge n'ubushishozi bafite. Yabahaye Nimero za telefoni ye (08301626) kugira ngo bajye bamumenyesha aho ibibazo biri haba ku bijyanye n'ibigega by'uburezi haba no ku bijyanye n'amacakubiri avugwa mu mashuri. Yashimiye abana ko ubwabo bivugiye ko badashaka kuba ingwizamurongo. Yabasabye kugira uruhare mu guca amacakubiri mu banyarwanda no kugaragaza abahembera amacakubiri mu bandi.

Nk'uko abana babivuze, na we yagaragaje ko mu bigo bimwe by'amashuri hari amacakubiri. Iyo ariko MINEDUC ibimenye ifata ingamba zo kubirwanya no guhana ababifitemo uruhare. MINEDUC yimakaza umuco w'Ubumwe n'ubwiyunge. Urugero rwatanzwe ni uko ikizamini gihabwa abanyeshuri ari kimwe mu Rwanda kandi n'abana bagahabwa uburenganzira bwo guhitamo ibigo by'amashuri.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yatangiye ikiganiro cye abibutsa indamutso yo mwaka w'2004 mu gihe cy'inama y'Igihugu ya mbere y'abana.

Yashyigikiye ko umuyoboro abana basabye ujyaho kuko uzafasha mu gukemura ibibazo byinshi byavuzwe birimo no kurwanya amacakubiri.
Yifuje ko amacakubiri atongera kugaragara mu mashuri, asaba abana kugira uruhare mu kuyarandura bashinga za Club z'Ubumwe n'Ubwiyunge mu mashuri.
Icyifuzo cye ni uko Icyerekezo cya 2020 gisanga nta macakubiri akirangwa mu Rwanda. Bityo no mu nama itaha, abana bakazaza mu nama bavuga ko iwabo ari amahoro.

### 2.3. IBIBAZO N'IBITEKEREZO BY'ABANA

Nyuma y'ibiganiro byatanzwe n'abana n'abayobozi banyuranye, abana babajije ibibazo binyuranye banatanga ibitekerezo.

**Ibibazo by'abana:**

1. Kuba abana b'imfubyi bakiriwe mu miryango batarihirwa amafaranga y'ishuri nk'izindi mfubyi;
2. Kuba abana batsinda ntibajye kwiga kubera ubukene;
3. Kuba Leta itunganira ababyeyi bakiriye abana b'imfubyi mu miryango;
4. Kuba ibiganiro by'abana bitacyitabwaho kuri radiyo na TVR;
5. Kuba imiryango ifite abana bavukanye SIDA nta mfashanyo babona;
6. Kuba hari ababeshya ko banduye SIDA kugira ngo bahabwe imfashanyo;
7. Kuba nta Club anti-SIDA z'abantu bakuru zibaho nk'iz'abagore cyangwa abagabo;
8. Kuba ikigega cy'uburezi cy'akarere gitanga amafaranga make ugereranyije n'asabwa n'ibigo by'amashuri bigatuma abana badafite ayo kuyongera birukanywa;

**Ibitekerezo by'abana:**

1. Nyuma y'ibizamini, igihe abana bategereje indangamanota, bakwiye kujya bigishwa gahunda nyinshi zirimo n'iy'ubumwe n'ubwiyunge;
2. Leta yafasha abana kubona za Bus zibageza ku ishuri;
3. MINEDUC na MINISANTE zashyiraho gahunda yo kwita ku bana banduye SIDA baba muri "Internat" ku bijyanye n'imirire n'imiti igabanya ubukana bwa SIDA;
4. Gushyiraho Club anti-SIDA ziri mu kigero cy'abana na Club anti-SIDA z'abantu bakuru;
5. Buri mwana **utishoboye** watsinze ikizamini cya Leta akwiye kurihirwa amafaranga y'ishuri.

## III. ISOZWA RY'INAMA

Mu muhango wo gusoza Inama ya kabiri y'abana yo kuwa 19 Mutarama 2006 hasomwe imyanzuro y'iyo nama, umwana uhagarariye abandi avuga ijambo risoza ryakurikiwe n'iry'Uhagarariye UNICEF mu Rwanda. Inama isozwa ku mugaragaro na Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire, Madamu NYIRAHABINEZA Valérie.

### 3.1. Imyanzuro y'inama ya kabiri y'abana

Inama ya kabiri y'abana yarangiye hafashwe imyanzuro inyuranye.

#### 3.1.1. Ibyo abana basabye Leta y'u Rwanda:

**1°Ku kibazo cy'Uburezi n'icy'imyigire y'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo:**

- Ibigega by'uburezi byongererwe ubushobozi kugira ngo birusheho gufasha abana benshi;
- Ibigega by'uburezi bijye bitanga amafaranga yose asabwa n'ibigo by'amashuri;
- Abana bafite ubumuga bakwiriye gufashwa mu myigire yabo (Education Spéciale);
- Abana bifuza ko MINEDUC yajya ifatira ku manota angana mu kugena abana barangije amashuri yisumbuye boherezwa mu mashami anyuranye ya Kaminuza no mu mashuri makuru;
- Ikibazo cy'abana bigira munsi y'ibiti cyangwa mu mashuri yenda gusenyuka gikwiye gushakirwa umuti;
- Ikibazo cy'abana batsinda ntibajye kwiga gikwiye gushakirwa umuti;
- Hakwiye kujyaho amashami y'imyuga muri Kaminuza yoherezwamo abanyeshuri bakurikiye amashuri y'imyuga mu mashuri yisumbuye.
- Ikibazo cy'ibikoresho bike mu mashuri gikwiye gushakirwa umuti;
- Ikibazo cy'abana bacikiza amashuri yisumbuye kubera ubukene gikwiye gushakirwa umuti;
- Ibigo by'amashuri yisumbuye byahwe mudasobwa bikwiye kuzigisha abanyeshuri;
- Ibigo by'amashuri yisumbuye bya Leta bikwiye kutajya byirukana abana mu gihe imiryango ibarihira itarishyura;
- Abana bifuza ko hajyaho "candidat libre" ku bana batsinzwe ikizamini cya "Tronc Commun";
- Abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye ntibakwiye kuva mu mashuri yisumbuye hagati mu mwaka w'amashuri kuko bibangamira abanyeshuri;
- Ibigo by'amashuri yisumbuye bikomeye bikwiye na byo kujya byemera kwakira abana bagize amanota make mu kizamini cya Leta gisoza amashuri abanza n'igisoza icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (Tronc Commun).
- Abana basabye ko MINEDUC yahindura ingengabihe yo kwiga mu gihe cy'impeshyi kuko haba hariho izuba ryinshi nyuma ya saa sita. Bifuje ko muri icyo gihe n'abana biga mu mashuri abanza ya Leta bajya biga "Gong Unique", bakiga mbere ya saa sita gusa

**2° Ku kibazo cy'ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore**:

- Ikibazo cy'ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore gikwiye gushakirwa umuti;
- Ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo abana basambanywa n'ababyeyi babo bitabweho;
- Abaturage bakwiye kumenyeshwa nimero za telefoni za polisi zo gutabariza abana n'abagore bahohotewe;

- Ababyeyi bakwiye gukangurirwa uburenganzira bw'umwana;
- Ikibazo cyo gushyingira abana b'abakobwa imburagihe gikwiye gushakirwa umuti;

**3° Ku cyorezo cya SIDA**

- Clubs anti-SIDA zikwiye guterwa inkunga kugira ngo zidasenyuka;
- Gushyiraho uburyo bwo gukangurira abantu kurwanya SIDA mu cyaro.

**4°Jenoside yabaye mu Rwanda hagati y' 1990 n'1994:**

- Umwana ufite nyina wacitse ku icumu kandi utishoboye akwiye na we gufashwa na FARG cyane cyane iyo atigeze yemerwa na se, ni ukuvuga ko yarezwe na nyina gusa cyangwa yarerewe kwa sekuru/nyirakuru ubyara nyina.
- Clubs Anti-Génocide zikwiye gushyigikirwa .

**5° Ku kibazo cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yavuye mu nama z'abana**

- Ibyo abayobozi biyemeje mu Nama z'Igihugu z'abana bikwiye gushyirwa mu bikorwa ku nzego zinyuranye.

**6° Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'umwana muri rusange:**

- Ababyeyi bakwiye kwigishwa uburenganzira bw'umwana n'inshingano z'ababyeyi ku bana babo;
- Abana b'imfubyi barera barumuna babo bakwiye kurushaho kwitabwaho kugira ngo na bo bashobore kwiga kandi na barumuna babo bige;
- Abana b'imfubyi bifuza koroherezwa kubona amafaranga y'ubwiteganyirize bw'ababyeyi babo;
- Abana b'imfubyi birera bakwiye gufashwa kubona amacumbi;
- Abagore bata abana babo bakajya gushaka abagabo bakwiye gufatirwa ibyemezo;
- Imfubyi za Jenoside zikwiye kwitabwaho mu mibereho yazo;
- Abana b'imfubyi n'abakene bakwiye guterwa inkunga bakibumbira mu mashyirahamwe abyara inyungu;
- Kwihutisha ishyirwaho rya Komisiyo y'igihugu yo kurengera abana;
- Kongerera ubushobozi ibigega by'uburezi no kurihira abana baterwa inkunga n'ibyo bigega amafaranga yose asabwa n'ibigo by'amashuri;
- Kwihutisha itegurwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore;
- Kurushaho kwita ku bana banduye SIDA hitawe no ku bana baba muri "internat";
- Kurushaho kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside;
- Guteza imbere uburezi bw'abana bamugaye;

- Gufasha abana gushyiraho umuyoboro abana batangiramo ibitekerezo;
- Gushyira mu bikorwa imyanzuro y'Inama Nkuru z'abana.

**3.1.2.Ibyo abayobozi bemereye abana**

- Gushyira mu bikorwa imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Abana;
- Inama y'abana izaba ngarukamwaka;
- Gushyiraho Komisiyo y'Igihugu yo kurengera Umwana;
- Kwihutisha imanza zerekeye ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore;
- Gushyiraho umuyoboro abana batangiramo ibitekerezo kuva ku kagali kugeza ku rwego rw'Igihugu;
- Kurwanya no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore hashyirwaho Politiki na Gahunda yihariye kuri icyo kibazo;
- Gushyira imbaraga mu gukumira icyorezo cya SIDA muri rusange no kurinda abana kwanduzwa SIDA no guha abana banduye SIDA imiti igabanya ubukana bwayo;
- Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

**3.1.3. Ibyo abana biyemeje:**

1. Kugeza kuri bagenzi babo ibyavuye mu nama ya kabiri y'abana;
2. Kugira uruhare mu kurengera ibidukikije;
3. Kugira uruhare mu kurwanya amacakubiri, ingengabitekerezo ya Jenoside n'akarengane;
4. Kugira uruhare mu kwirinda icyorezo cya SIDA;
5. Kugira ubutwari ntibacike intege imbere y'ikibazo.

**3.1.4.Ibyo abana basabwe:**

- Kwirinda kurarikira ibintu no kwirinda abantu bose babashuka babashora mu busambanyi;
- Gushinga Club z'Ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri;
- Kugira uruhare mu guca amacakubiri mu babyeyi no kudahishira ababiba amacakubiri mu banyarwanda;

**3.2. Amagambo asoza inama**

**3.2.1.Ijambo ry'Umwana uhagarariye abandi**

